A Kwanga intumwa

- ❖ Ku nkengero y'igihugu cy'isezerano, hashyizweho abatasi bo kugitata. Inkuru bazanye yavugaga ko icyo gihugu cyari cyiza nk'uko Imana yari yarabivuze (Kubara 13:27). Ariko hongeweho ubutumwa buca intege (Kubara 13:28, 31). Hanyuma Imana ivugira muri Kalebu kugira ngo ibatere umwete wo kucyigarurira (Kubara 13:30).
- ❖ Nyuma y'ijoro ryo kubitekerezaho, abantu bafashe umwanzuro: kwanga intumwa z'Imana zari zarabayoboye (Kubara 14:1–4). Ubwo Yosuwa na Kalebu basubiragamo amagambo yo kubatera umwete, bahisemo kubatera amabuye (Kubara 14:6–10).
- ❖ Nyuma y'ibyo, izindi ntumwa nyinshi nazo zaranzwe (2 Ngoma 25:15–16; Amosi 7:10–13).
- ❖ Ni iki cyatumye babanga? Ubutumwa bazanye buvuye ku Mana ntibwahuraga n'ibyo bari biteze, kandi ntibashakaga no kureka imibereho yabo y'icyaha.

B Kwanga ubutumwa

- ❖ **Gukerensa**
  - — Mu gihe cy'Umwami Yehoyakimu, abantu bakoze ibyaha bikomeye. Imana yategetse Yeremiya kwandika umuzingo uriho ubutumwa bw'ubuhanuzi kugira ngo umwami n'abajyanama be baburirwe kandi bihane bareke inzira zabo mbi (Yeremiya 36:1–3).
  - — Ariko Yehoyakimu yarabusuzuguye, aburimbura ajugunya umuzingo mu muriro, nubwo hari bake bamwingingiye kudahirahira abikora (Yeremiya 36:21–25).
  - — Kubera ibyo, Yehoyakimu yahanuriwe ubuhanuzi bukarishye, kandi ubutumwa bwari bwaratwitswe bwandikwa bundi bushya, bwāgūwe (Yeremiya 36:27–31).
  - — Dushobora gutekereza ko iyo tudasomye Bibiliya, dushobora gukora icyo dushaka cyose tugatunganirwa. Nyamara iyo twirengagije imiburo y'Imana, dusarura ingaruka z'ibyaha n'ubuhenebere bwacu.
- ❖ **Kwinangira**
  - — Sedekiya, ari we mwami wa nyuma w'u Buyuda, yarahiriye kuyoboka Babuloni, ariko arenga ku isezerano rye. Kenshi yanze kwakira ubutumwa bw'umuburo Imana yamuhaye binyuze muri Yeremiya (2 Ngoma 36:12).
  - — Igihe Yerusalemu yari igoswe n'ingabo za Babuloni, Sedekiya yahamagaye Yeremiya ngo amuhe ubutumwa buturutse ku Mana (Yeremiya 38:1).
  - — Ubutumwa bwari busobanutse neza: ishyire mu maboko ya Babuloni, ukize ubuzima bwawe, n'ubwa Yerusalemu (Yeremiya 38:17–23). Ariko Sedekiya yanze ubwo butumwa. Kwinangira kwe kwatumye Yerusalemu irimbuka (2 Ngoma 36:13).
  - — Imana yamaze imyaka cumi n'umwe imugezaho ubutumwa bw'ibyiringiro aramutse yihannye agahindura inzira ze. Hari n'ubwo yabyakiraga neza, ariko ntakore amavugurura arambye (Yeremiya 34:8–11).
- ❖ **Uburyarya**
  - — Kuki Yesu yise Abafarisayo indyarya?
    - (1) Kuko babwirizaga ibintu runaka, bagakora ibihabanye nabyo (Matayo 23:3)
    - (2) Kuko bakoreraga abandi imitwaro iremereye, ariko bo ubwabo bakanga kuyīkorera (Matayo 23:4)
    - (3) Kuko ibyo bakoraga byose byari ibyo kwiyerekana gusa, kugira ngo babonwe n'abandi (Matayo 23:5)
    - (4) Kuko bakundaga guhabwa icyubahiro, ariko bo ntibubahe abandi (Matayo 23:6–7, 11–12)
    - (5) Kuko bashimagizaga abahanuzi, ariko bakanga kumvira ubutumwa batanze (Matayo 23:29–31)
    - (6) Kuko bavugaga ko bakorera Imana, nyamara bagashaka kwica ababagezagaho ubutumwa bwayo (Matayo 23:34)
  - — Amagambo Yesu yabwiye Abafarisayo b'indyarya yandikiwe kugira ngo twirinde kubakurikiza, tureke imyitwarire cyangwa ibitekerezo ibyo ari byo byose byatuma twanga ubutumwa Imana iduha.

C Gushyira mu ngiro

- ❖ Uwitwa Joriji Santayana yaravuze ati "Abatibuka ibyahise baciriweho iteka ryo kubisubiramo".
- ❖ Uburyo abantu babanyemo n'Imana—bwaba bwiza cyangwa bubi—ntibukwiriye kwirengagizwa cyangwa gufatwa nk'ubudafite agaciro.
- ❖ Akenshi ibyahise biba intangiriro y'ibizaza. Ibyahise bikunze gushyiraho ishingiro ry'ibiri kuba ubu n'ibizabaho mu gihe kizaza.
- ❖ Nitwita ku miburo y'Ibyanditswe Byera n'ubutumwa Imana itwohererezа binyuze mu bahanuzi bayo, ntituzasubiramo amakosa y'ibihe byashize (1 Abakorinto10:11).

UMUGEREKA: AMAYEREKWA YA ELINA G. WHITE

Amayerekwa Elina G. White yaherewe mu ruhame yaherekezwaga n'ibintu bidasanzwe: ntiyahumekaga; amaso ye yagumaga afunguye; yagendaga atazi na gato ibiri kuba iruhande rwe; ...

Nubwo hari abamushinje kubyikoresha, ntiyari afite ubushobozi bwo kugena igihe yinjirira mu iyerekwa, cyangwa igihe arisohokeramo.

Ubwo Elina yinjiraga mu iyerekwa, Jemusi White yasabye abari aho kumusuzuma, hagamijwe gukuraho gushidikanya kose abamurwanyaga bashoboraga kuba bafite ku bijyanye n'inkomoko yaryo idasanzwe, no gukomeza abari baramwizeye.

Abamushinjaga kwikoresha kuyobya ubwenge batangajwe no kubona ko koko atahumekaga, maze bahunga bafite ubwoba bwinshi bava aho iryo yerekwa ryaberaga.